838

K0148206

Identification	:	**Fe/838 20/2//94**
Duration	:	**60 min.**
Quality	:	**Not good**
Transmission	:	**Radio Rwanda**
Name of transcriber	:	**MUTETELI Pénine-Joie**
Name of file	:	**838rr. wpd**
Date of transcription	:	**4/12/99**
Dictaphone	:	**ExpressWriter Model 2750-6SN516525**

(Indicatif du journal parlé kinyarwanda). **01min07sec**

Orateur : MBUNGIRAMIHIGO Peace-Maker, journaliste de Radio Rwanda.

Ishyaka MDR riyobowe na TWAGIRAMUNGU Fawustini ryakoresheje mitingi uyu munsi mu gitondo kuri Stade Régional y'i Nyamirambo. Iyo mitingi... iyo mitingi ntiyitabiriwe bihagije, kuko imihanda imwe n'imwe yo mu mujyi wa Kigali yari yibasiwe n'imyigaragambyo y'abantu biganjemo abasore bahagarikaga imodoka zatwaraga abantu bajyaga muri iyo mitingi. Icyagaragaye ni uko abo bantu bamenaga ibirahure by'imodoka batera amabuye kandi bahohotera n'abantu.

Abashinzwe umutekano bahagobotse bahangana na bo, ikindi ni uko abo bantu biganjemo abasore bigaragambije batari bambaye ibintu biranga amashyaka. Aya makuru turayagarukaho mu makuru yacu ataha.

Dukomeje tubagezaho amakuru avugwa mu bindi bihugu.

Orateur : RUBWILIZA Tharcisse, journaliste de Radio Rwanda.

Ngo Abafaransa (Francais) babili, Jean BOEUF na Alain MARTINEZ, bavumbuye ukuntu mu mabanki y'i Burayi (Europe) yaguriza u Rwanda miliyoni magana ane z'amadolari, zihwanye na miliyari mirongo itandatu z'amafaranga y'u Rwanda.

Kubera rero ko nta cy'ubu cy'ubusa, ngo ayo mabanki yajyaga guhita afataho makumyabiri n'abiri ku ijana, abo bagabo na bo babigizemo uruhare ngo bakegukana cumi n'ane n'urumiya ku ijana. Kangura ntisobanura uko byajyaga kugenda ku buryo kuri za miliyari mirongo itandatu, ngo mu isanduku ya Leta hari kwinjira gusa miliyari icyenda.

Kuri iyo nimero mirongo itanu na gatandatu ya Kangura ya NGEZE Hasani, ararega Ministre w'Intebe UWILINGIYIMANA Agata na Ministre w'Imari, Mariko RUGENERA, ngo kuba

K0148209

bashaka kuvamo bavanyemo ayabo bajya kwemera ibyo bintu byajyaga guhombya igihugu ako kageni.

Kangura ngo iyo NTIRUGILIMBABAZI uyobora Banki Nkuru y'igihugu atahagoboka ngo abyange, ngo ayo mafaranga yari ariwe. Icyo kinyamakuru rero kikemeza ko ibyo ari byo byatumye Ministre RUGENERA ngo yirengagiza amategeko maze ngo agashaka gusimbura by'agateganyo uwo NTIRUGILIMBABAZI, akamusimbuza uwitwa NIYITEGEKA Gérard ngo kandi azi neza ko nta burenganzira abifitiye. **04min01sec**

Ibyo si ko ariko ikinyamakuru Kanguka cya RWABUKWISI Visenti cyo kibibona. Muri nomero ya mirongo inani na gatandatu yacyo, aratangaza ahubwo inyandiko zerekana ko Ministre Yustini MUGENZI yaba ari ku isonga ry'icyo gikorwa yemezaga ko kizajya kizanira igihugu inyungu itubutse. Ndetse ngo ahubwo na Président wa Repubulika ibyo bintu yari abizi, kuko icyo kinyamakuru gitangaza kopi y'ibaruwa Ambasaderi w'u Rwanda mu Bufaransa (France) yabimwandikiyeho muri Nzeli uyu mwaka ushize.

Inkuru y'inyerezwa ry'ayo mafaranga atagira ingano iracyarimo byinshi by'urujijo, ku buryo hagomba ibindi bisobanuro kugira ngo hagire ushinjwa. N'ukuri kw'inyandiko ibyo binyamakuru byombi byatangaje nta wahita akwemeza. Nyamara ubwo ibintu byasohotse bikajya ku karubanda, twizere ko n'ukuri kuri ibyo bintu kuzageraho kukagaragara.

Ibinyamakuru byo muri iki cyumweru turangiza byanditse no kuri politique y'u Rwanda. Nko muri Kangura baragira bati "noneho HABYALIMANA asigaye yumva", ngo "ntakiri infungwa y'ibyegera bye, kuko" ngo "muri iki gihe asa n'uwikubise agashyi".

Icyo kinyamakuru ngo giherutse kumuburira ko najya mu muhango wo gushyingura umurambo wa Nyakwigendera HOUPHOUET-BOIGNY, bazamusimbuza RUKOKOMA. Ngo yarabumvise rero ntiyajyayo, maze ngo uwo mugambi uburiramo.

Kuri ibyo bya politique, NSHIMYUMUREMYI mu Mvaho nomero igihumbi na mirongo itatu

n'icyenda, ngo yashatse ishyaka rya politique mu Rwanda araheba kuko ngo asanga nta na rimwe rikurikiza ingingo zose za ririya tegeko rigenga amashyaka ya politique mu gihugu cyacu.

Muri iyo Mvaho kandi, NSHIMYUMUREMYI ngo FPR ntiraba ishyaka rya politique. Uko ryakwitwa kose nyamara icyangombwa muri iki gihe ni ubwumvikane, kugira ngo inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zijyeho vuba. **06min01sec**

Iyo Mvaho kandi, ngo harapfa byinshi mu gukomeza gutegereza Inzibacyuho yaguye. IMANIRABARUTA, ngo ubu ntacyo Guverinoma y'UWILINGIYIMANA Agata ishobora gukora. Ngo birumvikana kandi kuko ngo itabangikana n'Inzego z'Inzibacyuho yaguye zatangiye gushyirwaho, ariko ngo zitajyaho vuba kubera amananiza y'abanya... ya bamwe mu banyapoliki bacu.

IMANIRABARUTA rero, ngo hagati aha harapfa byinshi kuko ngo nta gihugu kidafite Guverinoma bishobora gukemura ibibazo nk'iby'u Rwanda rufite.

Isibo nomero ijana na makumyabiri na kane yasohotse ejobundi, yo isanga ngo Président HABYALIMANA yarikozeho arega ya Miryango iharanira uburenganzira bw'ikimwamuntu yaje ino umwaka ushize gukora anketi ku marorerwa yabaye mu Rwanda kuva intambara yatangira. Isibo ngo Président HABYALIMANA yaba yarareze iyo Miryango kuba yaramubeshyeye ikamwandagaza. MUSANGAMFURA ariko akaba asanga urwo rubanza ruzamutsinda, maze ngo aru... akarushaho kwisuzuguza. Niba koko amagarama yaratanzwe, reka dutegereze tuzarebe.

Iyo Sibo kandi iramagana ngo "ubudemagoji" bw'Imiryango mirongo itatu n'irindwi itagengwa na Leta, yateranye ku itariki ya karindwi z'uku, mu nama yise iya *"société civile"* mu gifaransa, igasohora itangazo ku bibazo bya politique igihugu cyacu kirimo muri iki gihe rivuga ko niba abanyapolitiki bakomeje kunanirana, bazishyiriraho izabo nzego z'ubutegetsi.

Isibo kikibaza kiti, ko atari bwo bwa mbere igihugu cyacu kijya mu ngorane, ni iki noneho gikuye iyo Miryango mu bitotsi yarimo? Kiti, kuki ntacyo yavuze ku marorerwa yabaye muri mirongo

irindwi na gatatu ku iyicwa ry'abategetsi ba Repubulika ya mbere, no ku ifungwa ry'abantu barenga ibihumbi munani ngo biswe ibyitso kandi ari abere?

MUSANGAMFURA muri icyo kinyamakuru cye, ngo biragaragara ko abo bantu bafite izindi nyungu bikurikiraniye bikingirije rubanda.

08min02sec

Indi nkuru musanga muri Kangura yo muri iki cyumweru, ni iy'ishuri rikuru, Institut Saint Fifèle ryo ku Gisenyi ngo ryigaragambije mu minsi ishize. Impamvu nta yindi ngo uretse inda nini y'abarishinze. Ku buryo ngo ubu abanyeshuri basigaye bafite impungenge ko hari akagambane hagati ya Leta, nyir'ishuri n'abatangamo imfashanyo. Maze NGEZE Hasani agasoza iyo nyandiko yibaza ati "niba ubucamanza bwo mu Rwanda bugikora, ngo RWABUKUMBA bamutezemo iki"?

Izo rero ni zo ngingo z'ingenzi z'amakuru nabatoranirije mu binyamakuru byasohotse muri iki cyumweru turangiza. Ubishoboye yabigura akazinononsora, agasangamo n'izindi nkuru zamumara amatsiko. Ni aho ku cyumweru gitaha. (Intemède musical).

(Indicatif du journal parlé français)

Orateur : RWAMATWARA Gilbert, journaliste de Radio Rwanda.

09min02sec

Le développement de ces titres à présent. Le... meeting du parti MDR tendance TWAGIRAMUNGU qui devait avoir lieu au stade régional de Nyamirambo depuis ce matin, n'a pas encore eu lieu. C'est... depuis ce matin des groupes de manifestants ont barré certaines routes de Kigali surtout des axes qui mènent à Nyamirambo, notamment Kimisagara-Nyamirambo empêchant ainsi des adhérents ee... d'aller participer à ce meeting. Les manifestants ont endommagé certains véhicules qui transportaient ces adhérents. Mais la gendarmerie, et... en collaboration avec la MINUAR, essayaient de disperser ces manifestants. Ce meeting pourra donc avoir lieu heu... d'après les informations qui viennent de nous parvenir.

Orateur : RUDAHANGARWA Théophile, journaliste de Radio Rwanda.

La Maison Blanche a condamné hier en termes extrêmement durs, le massacre de 15 jeunes noirs en Afrique du sud. Pour la Maison Blanche cet acte atroce.... (Intermède musical)

Orateur : NIZEYIMANA Jules, journaliste de Radio Rwanda. 10min02sec

Uyu munsi mu mujyi wa Kigali habaye imyigaragambyo yajemo n'ibikorwa by'ubugizibwanabi. Ministre w'Intebe Madame... Ministre wa Guverinoma y'Inzibacyuho iriho, Madame UWILINGIYIMANA Agata, arasaba inzego z'ubutegetsi zibishinzwe gukora ipereereza ku bugizibwanabi bwabaye uyu munsi mu mujyi wa Kigali, abatahuweho icyaha bagahanwa nk'uko amategeko abiteganya. Twumve Ministre w'Intebe.

Orateur : UWILINGIYIMANA Agathe, premier ministre.

Umutekano wongeye kuba muke hirya no hino mu gihugu, cyane cyane mu mujyi wa Kigali. Uyu munsi mu gitondo guhera igihe cya saa kumi n'imwe za mu gitondo, abagizibanabi bo mu mashyaka amwe n'amwe adashaka ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'amahoro, batangiriye Kimisagara bakubita abantu, bamenagura imodoka, bambura abaturage bigendera, n'ibindi bikorwa by'ubugizibwanabi.

Ayo mashyaka adashaka amahoro mu Rwanda, ngo yari yahagurukijwe no kuburizamo mitingi ishyaka MDR ryaboneye uruhusa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko. Birababaje kubona hari abantu bamwe biyemeje guhohotera uburenganzira by'ikiremwamuntu. Tubabajwe n'Abanyarwanda bakomoka hirya no hino mu "mapréfegitura", abo bagizibanabi b'ayo mashyaka bashobora kuba bakomerekeje bikomeye ku buryo bashobora guhasiga ubuzima bwabo. Bakomerekejwe bari muri autobus yari iturutse mu karere ka Cyangugu, iyari iturutse mu karere ka Byumba, iyari iturutse mu karere ka Kibuye, n'andi mamodoka menshi yari aturutse mu "mapréfegitura" yose agize igihugu cyacu. Twababajwe n'abo bantu bose bakomeretse, abo bose abasirikare ba Loni bakaba bagombye kubajyana kubavuza mu bitaro byabo biri hariya ku Kacyiru.

Tubabajwe na none n'ibintu byose byangiritse, imodoka, amabisi byamenaguwe ibirahure, n'abaturage bacujwe utwabo. Abo bose, ari abafite abantu bakomerekejwe cyane, ari n'abakubiswe ku giti cyabo, ari n'abibwe, abo bose twifatanije na bo. Umubare w'abakomeretse cyane, umubare w'abambuwe, umubare w'abari mu bitaro, ntabwo uramenyekana neza.

Ndasaba ubuyobozi bukuru bwa Jandarumeri guhagurukira kurushaho umutekano w'abantu n'ibintu, guhagurukira kurushaho kurengera no kubahiriza uburenganzira bw'abaturage.

13mino3sec

Abo bagizibanabi bo mu mashyaka adashaka amahoro muri iki gihugu, bagize uruhare muri izo mvururu, n'abazishoje bose, Gendarmerie, Parquet, na Minisiteri y'Ubutabera yo... yose, nibihutire gukora anketi, bakore amadosiye, abagize uruhare muri ubwo bugizibwanabi bakurikiranwe nk'uko amate...geko ahana abiteganyije.

Banyarwanda, Banyarwandakazi, ndakomeza kubifuriza kwitegura neza ishyirwaho ry'Inzego z'Inzibacyuho yaguye, riteganyijwe kuzashyirwaho ku wa kabiri ku itariki ya makumyabiri na kabiri z'ukwezi kwa kabiri. Mugire amahoro.

Orateur : NIZEYIMANA Jules, journaliste de Radio Rwanda.

Amahoro, ubumwe n'ukuri, ni byo bizaranga ishyaka MDR mu kubaka igihugu rifatanije n'andi mashyaka. Ibyo ni ibyavugiwe muri mitingi yo mu rwego ry'igihugu y'iryo shyaka yabereye kuri Stade Régional ya Kigali i Nyamirambo. Mugenzi wacu KAGINA Jules-Maurice yakurikiranye iyo mitingi.

Orateur : KAGINA Jules-Maurice, journaliste de Radio Rwanda.

Ubwiyunge bw'Abanyarwanda ni yo nzira y'amahoro. Mu bafashe ijambo, Ambasaderi UBALIJORO yamaganye ibikorwa bw'ubugome no kwangiza byaranze uyu munsi umujyi wa Kigali abantu bagakomereka, nk'abari baje muri mitingi bari muri autobus ivuye i Cyangugu, ndetse n'ibintu byinshi birimo ibirahure by'imodoka n'ibyuma bifata amajwi bikononekara. Abantu

bakomeretse bagera ku icumi, bajyanywe kuvurirwa ku bitaro by'Umwami Fayçal ku Kacyiru.

Kubera ubwo bugizibwanabi, Ambasaderi UBALIJORO Bonaventure yibajije impamvu ngo ababa basaba imbabazi barenze kuri uyu munsi bagahohotera inzirakarengane. Umurwanashyaka SAFALI, ukora mu bunyamabanga bwa MDR muri Préfecture y'Umujyi wa Kigali yatangaje abo ashinja ubugizibwanabi.

15min05sec

Orateur : SAFALI, du secrétariat du MDR PVK.

Ni abantu bo muri MRND, ubugome bwabo ni ubwa kera, murabuzi imyaka makumyabiri yose kuva muri za mirongo irindwi n'itatu, babifite mu mitima, miringo irindwi n'itanu babishyira ku mugaragaro na magingo aya bazahaje igihugu. Mubitware mutyo, mubyumvishe abarwanashyaka bandi aho bari hose bajijisha ngo ni MDR-Power, mubabwire ko MDR-Power itabaho. Hariho MDR imwe, nta MDR ebyiri nta eshatu, ni MDR imwe kandi ntijijisha.

Orateur : KAGINA Jules-Maurice, journaliste de Radio Rwanda.

Ushinzwe urubyiruko muri MDR, NDAYISHIMYE Berinardini, yibukije ko intwari z'urubyiruko rwa MDR zishwe cyangwa zikamugazwa n'abarwanya ishyaka zitazigera zibagirana. Kandi agereranya ishyaka MDR na Kiliziya Gotolika itajya izitirwa na rimwe muri gahunda zayo.

Ministre w'Intebe Madamu UWILINGIYIMANA Agata, yavuze ko umunyapolitiki ugira ubwoba n'umujinya aba ari umuswa, ngo cyane cyane umujinya wagaragariye muri congrès yabereye ku Kabusunzu. Madamu UWILINGIYIMANA yamaganye abitiranya imyigaragambyo n'ubugizibwanabi, n'abashinzwe kurinda umutekano batawitabira. Madamu UWILINGIYIMANA Agata, yatangaje ko ababuza ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'amahoro bazabisobanura, kandi yishimira ibitekerezo by'ingirakamaro byaranze inama z'abahagarariye amashyaka muri iki cyumweru gishize.

Ministre w'Intebe UWILINGIYIMANA, yanashimangiye ishyirwaho ry'Inzego z'Inzibacyuho

zigomba kujyaho ku wa kabiri tariki ya makumyabiri na kabiri Gashyantare uyu mwaka.

Orateur : UWILINGIYIMANA Agathe, premier ministre.

Inzego z'Inzibacyuho zigomba kujyaho bitakuka.. ejobundi ku wa kabiri kuri makumyabiri na kabiri. (Acclamation) Zigomba kujyaho byanze bikunze, ishyaka rizaba ridafite umwanya, ridafite igihe cyo kujya mu Nzibacyuho kuri makumyabiri na kabiri rizasigare rizaza nyuma. (Acclamation)

17min05sec

Ibi by'iterabwoba byatangiye birorere. Niba ari uburyo bwo gushaka kubuza Inzibacyuho ko ishyirwa mu bikorwa, ko Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye ijyaho, bikabuza Inteko Ishinga Amategeko ko bijyaho, Abanyarwanda bose mbahamagariye guhaguruka, niba Inzego zitagiyeho kuri makumyabiri na kabiri mukabaza uwabujije ko zijyaho. (Acclamation)

Ndabisubiramo, ndetse n'ejo narabyumvise byaravuzwe bivugirwa kuri Radiyo Rwanda n'Umunyarwanda w'imbabare uri hariya muri Nyacyonga..., yaravuze ati "niba Inzego zitagiyeho ku wa kabiri tuzava muri Nyacyonga". Niyemeje kubafasha, (acclamation) nzafasha abo muri Nyacyonga. (Acclamation)

Abo muri Nyacyonga bazahaguruka, n'ab'ahandi hose bahaguruke dufatanye tubaze umuntu uzabuza inzego ziyobora iki gihugu kujyaho ku wa kabiri, tuzamubaza azadusubize. (Acclamation) Kuko murabona uko ibintu bimeze, ntabwo twahora muri iki gihirahiro, ntabwo igihugu cyahora muri iki gihirahiro abagiraneza bose ngo badukureho amaboko bitewe n'umuntu wihisha inyuma y'abandi ngo abuze ko inzego zigomba kuyobora iki gihugu zijyaho. Niyemeje kubafasha, ndetse... reka noye kwimaramo umwuka mwinshi, nywuteganyirije ku wa kabiri. Murakoze. (Acclamation)

Orateur : KAGINA Jules-Maurice, journaliste de Radio Rwanda.

Ministre w'Intebe wa Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye, TWAGIRAMUNGU Fawustini, akaba

na Président w'ishyaka MDR, yatangaje ko azakorera Abanyarwanda badakeneye gutemana, arwanya abaniga démocratie muri iyi ndahiro.

Orateur : TWAGIRAMUNGU Faustin, premier ministre désigné et président du MDR.

19min04sec

Ubutegetsi budashaka démocratie, ubutegetsi bushingiye ku bwicanyi, kubuza Abanyarwanda amahoro, ubutegetsi butandukanya Umunyarwanda, ubutegetsi butandukanya ubutatu bunyarwanda nzaburwanya. (Acclamation)

Orateur : KAGINA Jules-Maurice, journaliste de Radio Rwanda.

Bwana TWAGIRAMUNGU yamaganye abavuga ubumwe bw'Abahutu, yifuza ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda nta kuvangura amoko. Bwana TWAGIRAMUNGU yaboneyeho umwanya wo kurarika Abanyarwanda ejobundi ku wa kabiri tariki ya makumyabiri na kabiri Gashyantare, ubw'inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zizajyaho. Bwana TWAGIRAMUNGU yibukije ko abafite politike y'ikinyumanyuma bazasigwa na gari ya moshi y'ibitekerezo bishya kandi byubaka. Bwana TWAGIRAMUNGU yavuze ko abamwitirira ikibazo atari byo, ko ahubwo ari we gisubizo. Ministre w'Intebe wa Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye, yagize icyo avuga kuri Radiyo zirwanya ibitekerezo bye.

Orateur : TWAGIRAMUNGU Faustin, premier ministre désigné et président du MDR.

Wagura RTLM, wazana shitani, wazana iki, tugomba gutsinda nta kundi byagenda. (Acclamation) Ntabwo Radiyo RTLM ishobora n'umunsi n'umwe kuzambuza ibitekerezo uko yagira kose tout d'abord. (Acclamation) Ntabwo bizashoboka. Wagura antenne ukayerekeza i Cyangugu, wayerekeza i Burundi, wayerekeza se ahandi ushaka, ntabwo n'umunsi n'umwe nshobora kuzatezuka ku bitekerezo by'ishyaka MDR ryavukanye, ibyo ntibizashoboka. (Acclamation)

Abo rero bivugira nibakaze umurego. Nibakaze umurego.oo... bavuge ibya TWAGIRAMUNGU barangize.ee... barangize.ee... bagwe agacuho, bagwe agacuho.oo... ni biba ngombwa bagagare. (Acclamation)

Ariko ntibishoboka, ntibishoboka. Ntabwo bishoboka kubera ko njyewe mbona urugendo tukiri rurerure, kandi urwo rugendo si TWAGIRAMUNGU wenyine uzarukomeza ruzakomezwa n'abandi, ruzakomezwa n'abasore nk'aba bari aha. Nibibananira ruzakomezwa n'abazavuka, nibibananira ruzakomezwa n'abana babo kugeza igihe dutsindiye impaka. (Acclamation)

21min09sec

Orateur : KAGINA Juels-Maurice, journaliste de Radio Rwanda.

Mitingi yatangiye saa munani kubera umutekano muke, yitabiriwe n'abarwanashyaka barimo ba:

- Ministre GASANA Anastase.
- RUCOGOZA Fawustini.
- MBONIMPA Yohani Mariya Viyani.
- Na NDASINGWA Landuwalidi.
- Ndetse n'intumwa z'ishyaka PDI.

(Intermède musical)

Orateur : NIZEYIMANA Jules, journaliste de Radio Rwanda.

Ishyaka riharanira Démocratie n'Imibereho myiza y'Abaturage, PSD muri "Préfegitura" ya Gisenyi, uyu munsi ryakoresheje congrès yaryo yo mu rwego rwa "préfegitura" rishaka gutora abantu batatu bazahagararira "préfectura" mu biro by'igihugu no gutora uhagarariye abategarugori, n'undi uhagarariye u... urubyiruko rw'Abakombozi muri komi... komite ya "préfectura".

Abatowe bazahagararira "préfectura" mu biro by'igihugu bya PSD ni ba Bwana:

K0148218

- NSENGIYUMVA RAFIKI Hyacinhte.
- HITAYEZU Hubert.
- Na HABIMANA Augustin.
- Uzahagararira abategarugori muri komite ya "préfectura", ni Madame MUKANKUSI Mariselina.
- Naho uzahagararira Abakombozi, ni SEMANZA Aloyizi.

Nyuma rero y'itora, abari muri congrès bashyize hamwe ibyifuzo bazageza kuri biro y'igihugu ya PSD. Abagize congrès batewe impungenge n'umutekano muke ukomeje kurangwa mu gihugu, bakaba bifuje ko inzego z'ubutegetsi zashyirwaho ku itariki amashyaka yemeranijweho. Bakaba rero bafite icyizere ko izo nzego ari zo zizashobora kugarura umutekano, zikana...tanga... zikanatoragura intwaro zinyanyagije mu baturage ku buryo butemewe. Bifuje kandi ko imyanya y'ishyaka yasaranganwa mu gihugu cyose kuko ishyaka ritari mu karere kamwe gusa. Aya makuru turayakesha Florenti KAMPAYANA ku Gisenyi.

Uyu munsi mu kigo cy'amashuri yisumbuye ya EFOTEC Kanombe hano i Kigali, habereye inama y'inteko rusange y'Umuryango w'abasirikari bari mu kiruhuko cy'izabukuru ugamije ubufatanye. Uwo Muryango ukaba witwa *"Abaruharaniye"*. Abari mu nama bishimiye ko Umuryango wabo umaze kwemererwa ubuzimagatozi nk'uko tubibwirwa na mugenzi wacu Ephrem RUGILILIZA.

Orateur : RUGILILIZA Ephrem, journaliste de Radio Rwanda.

Président w'Umuryango Koloneli SERUBUGA Lawurenti, yateranije iyo nteko agira ngo amenyeshe abanyamuryango ko ishyirahamwe ryabo ryemerewe ubuzimagatozi mu iteka rya ministre nimero mirongo itatu n'umunani akarongo zeru gatanu, ryo ku wa gatanu Mutarama igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane.

Nk'uko byanditswe muri statuts zigenga Umuryango, Abaruharaniye bagamije ibintu bine by'ingenzi:

- Gushyigikira ubufatanye bw'abanyamuryango.
- guharanira n'ukurengera inyungu z'abanyamuryango mu nzego izo ari zo zose.
- Gushyiraho ibikorwa rusange bigamije guteza imbere abanyamuryango n'igihugu.
- Guharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Twifuje kumenya niba Umuryango Abaruharaniye ufite imbaraga zo kugera kuri izo nshingano biyemeje. Koloneli SERUBUGA uhagarariye Umuryango ni we usubiza.

Orateur : colonel SERUBUGA Laurent, président de Abaruharaniye.

Uzashyigikirwa n'abanyamuryango bawugize, nkaba nizeye ibitekerezo tuzagumya gukusanya kugira ngo dushobore ku... kuwuteza imbere ukure bibe nko kurera umwana umuntu abyaye. Tuzawureresha imbaraga zacu zose, turi inararibonye ee... tu...fite ubushoshozi buhagije, ntabwo twabyara umwana ngo tunanirwe kumurera. Iyo expérience yacu yaba ipfuye ubusa.

Orateur : RUGILILIZA Ephrem, journaliste de Radio Rwanda.

Ishyirahamwe Abaruharaniye rigizwe n'abasirikare b'inzego zose bari mu kiruhuko cy'izabukuru. Ibyo bikaba bigaragarira ndetse no mu buyobozi bw'Umuryango:

- Président nk'uko twabivuze ni SERUBUGA, ufite ipeti rya Koloneli.
- Visi Président akaba SEZIKEYE, ufite ipeti rya Komanda.
- Umunyamabanga ni Ajida Shefu NDAMAGE.
- Umubitsi akaba Ajida Shefu NAHIMANA.

Orateur : . NIZEYIMANA Jules, journaliste de Radio Rwanda.

Radiyo Rwanda, bibaye saa moya n'iminota cu... (Indicatif du journal parlé kinyarwanda). (Indicatif du journal parlé français)

K0148220

Orateur : NZABILINDA Anastase, journaliste de Radio Rwanda.

Le développement de ces titres. Le... meeting du parti MDR tendance TWAGIRAMUNGU s'est tenue heu... cet après-midi au stade régional de Nyamirambo. Des groupes de manifestants avaient empêché sa tenue ce matin en barrant certains axes routiers de Kigali surtout des axes qui menaient à... Nyamirambo.

26min02sec

Le reportage de Jules-Maurice KAGINA

Orateur : KAGINA Jules-Maurice, journaliste de Radio Rwanda.

La paix, l'unité et la réalité caractériseront le parti politique MDR, en collaboration avec les autres partis politiques dans la construction du pays. C'est ce qui ressort d'un meeting politique organisé aujourd'hui au niveau national par le parti MDR, au stade régional de Nyamirambo. L'ambassadeur UBALIJORO Bonaventure a condamné les actes de terrorisme donc, à peu près 10 blessés à bord de l'autobus en provenance de Cyangugu pour participer à ce meeting. A la suite de ces mauvais actes, monsieur UBALIJORO se demandait pourquoi les gens de la mauvaise foi avaient ignoré l'amnistie en cours pour menacer la population innocente.

Le partisan SAFARI, agent du secrétariat du MDR dans la... préfecture de la Ville de Kigali a accusé le MRND d'avoir perpétré des actes de terrorisme qui se sont déroulés dans la ville de Kigali. Le premier ministre madame Agathe UWILINGIYIMANA, a souligné qu'un politicien peureux et fâché est sans valeur. Madame UWILINGIYIMANA a disqualifié les résolutions prises lors du congrès de Kabusunzu, car il était caractérisé (elles étaient caractérisées) par un climat fâcheux. Madame UWILINGIYIMANA a dénoncé ceux qui confondent la manifestation aux actes de terrorisme. Le premier ministre a déploré les agents de sécurité qui n'obéissent pas à leurs ordres. Madame UWILINGIYIMANA a loué le climat qui régnait entre les représentants des partis politiques lors des récentes rencontres qui ont abouti au principe constructif. Elle a à cet effet, invité le peuple rwandais à fournir leurs efforts pour que le Gouvernement de transition à base élargie et l'Assemblée nationale de transition soient mis en place ce 22 février et sinon

recourir à "unité massive" pour dénoncer ceux qui empêchent ces institutions. **27min09sec**

Le premier ministre désigné Faustin TWAGIRAMUNGU, a exhorté la nation à lutter contre tout ce qui perturbe la mise en application de l'accord de paix d'Arusha, il a par ailleurs dénoncé la politique journaliste... la politique journalistique qui détruit la démocratie.

Orateur : NZABILINDA Anastase, journaliste de Radio Rwanda. 28min01sec

Merci Jules-Maurice KAGINA. Dans le même ordre d'idées, le premier ministre madame Agathe UWILINGIYIMANA, demande aux services du ministère de la Défense et à ceux du ministère de la Justice de faire une enquête exhaustive sur les actes d'insécurité qui se sont produits aujourd'hui dans la ville de Kigali, afin que tous ceux qui s'en sont rendus coupables soient punis selon la loi en vigueur. Nous l'écoutons.

Orateur : madame UWILINGIYIMANA Agathe, premier ministre.

Rwandaises, Rwandais. Je déplore aujourd'hui l'insécurité qui a régné dans la ville de Kigali suite à la violence perpétrée par les adhérents de certains partis politiques qui ne veulent pas la mise en application des accords d'Arusha. Ces malfaiteurs issus de ces partis politiques qui ne soutiennent pas que la paix revienne dans notre pays, avaient pour prétexte d'empêcher la tenue du meeting du parti MDR. Pourtant, ce meeting était autorisé, et les services chargés de la sécurité étaient avisés pour le maintien de la sécurité des personnes et de leurs biens. Nous compatissons avec les personnes molestées et blessées gravement dont le nombre n'est pas encore exactement connu. Mes condoléances s'adressent à tous ceux qui auraient perdu les leurs dans ces actes ignobles, perpétrés par les ennemis de la paix. Je demande aux services du ministère de la Justice et ceux du ministère de la Défense de mener des enquêtes exhaustives sur les faits d'aujourd'hui.

Rwandaises, Rwandais. Soyez patients. Il nous reste seulement deux jours pour la mise en place des institutions de transition, à savoir, l'Assemblée nationale de transition et le Gouvernement de transition à base élargie. Cette date attendue par tout le peuple rwandais et par toute la

communauté internationale, est celle du 22 février 1994. Je vous remercie.

Orateur : NZABILINDA Anastase, journaliste de Radio Rwanda.

Radio Rwanda, 20 heures 6 minutes, et 40 secondes à Kigali.

Autres éléments de l'actualité politique de ce dimanche. Le parti PSD, bureau de Gisenyi a organisé aujourd'hui son congrès préfectoral pour élire 3 membres du bureau politique national du parti ainsi qu'un représentant de la jeunesse "Abakombozi" et des militantes du parti. Ont été élus comme membres du bureau politique national:

- Monsieur NSENGIYUMVA RAFIKI Hyacinthe.
- Hubert HITAYEZU.
- Et Augustin HABIMANA.
- Monsieur Aloys SEMANZA a été élu pour représenter les jeunes.
- Tandis que Marceline MUKANKUNSI va représenter les militantes du PSD dans le comité préfectoral de Gisenyi.

Après les élections, les membres du congrès préfectoral ont émis quelques recommandations à transmettre au bureau national:

- Ils ont déploré le climat d'insécurité qui continue à régner dans le pays.
- Ils ont souhaité que les organes de la transition soient mis en place à la date convenue.
- Ils ont aussi souhaité que les portefeuilles ministériels dévolus au PSD, soient répartis équitablement dans tout le pays puisque le parti n'est pas uniquement d'une seule région.

Retour à la normale dans certaines communes du Mayaga après les rumeurs faisant état d'une attaque armée venue du Burundi. De Butare d... **31min04sec**

Fin de la FACE A

FACE B

Orateur : MUSABIREMA Cyprien, journaliste de Radio Rwanda.

00min03sec

...en ordre, tous ceux qui avaient fui ont regagné leurs domiciles. Par ailleurs, au cours de cet après-midi sur les 9 vaches qui avaient été volées au Burundi, 8 ont été retrouvées et on espérait retrouver également la neuvième. L'autorité communale de Ntyazo a déjà écrit à son homologue de Bugabira au Burundi pour le mettre au courant de la situation, et lui demander de procéder à la remise et reprise de ces vaches. Du côté des Burundais armés qui ont volé les 23 vaches des rw... des Rwandais dans la vallée de l'Akanyaru pour se venger du premier vol commis, nous avons appris qu'il se seraient pointés un moment de l'autre rive de la rivière Akanyaru et auraient dit aux paysans qui se trouvaient du côté rwandais, que s'ils leur rendaient leurs 9 vaches ils remettraient à leur tour les 23. Jusque... les deux côtés ont manifesté cette volonté, tout le monde espère que la cérémonie de remise et reprise ne tardera pas d'avoir lieu.

Rappelons que c'est à la suite des coups de feu tirés par les Burundais su...qui voulaient prendre ces 23 vaches, que la panique a régné dans la région et que les gens ont pris fuite. Précisons enfin qu'aucune victime n'a été déplorée contrairement à ce qui a été répandu par la rumeur.
Cyprien MUSABIREMA, ORINFOR Butare.

Orateur : NZABILINDA Anastase, journaliste de Radio Rwanda.

L'Association des militaires retraités pour la promotion de l'entraide mutuelle, *"Abaruharaniye"* a tenu son assemblée générale aujourd'hui dans les locaux de l'EFOTEC à Kanombe. L'association s'est fixée de grands objectifs allant de l'entraide mutuelle entre les membres à la défense des droits de l'homme. Les détails avec Ephrem RUGILILIZA.

Orateur : RUGILILIZA Ephrem, journaliste de Radio Rwanda. 01min09sec

Promouvoir l'entraide mutuelle et contribuer à la promotion et à la défense des droits de l'homme,

